ICYUMWERU CY'UBUREZI GATOLIKA MURI DIYOSEZI YA NYUNDO

Muri uyu mwaka wa 2012, muri Diyosezi ya Nyundo habaye igikorwa cyo gusoza icyumweru cy'uburezi Gatolika. Icyo cyumweru cy'uburezi Gatolika cyatangiye kwizihizwa mu mwaka wa 2008 nyuma yo guhura kw'abayobozi bashinzwe amashuri gatolika mu ma Diyosezi yose y'u Rwanda mu mwaka wa 2007 aho batekereje gutangira igikorwa cyo kwizihiza icyumweru cy'uburezi mu mashuri ya Kiliziya Gatolika. Icyo cyumweru gifite insanganyamatsiko ihoraho. Hagategurwa n'insanganyamatsiko yihariye ya buri mwaka.

Insanganyamatsiko ihoraho igira iti « KILIZIYA GATOLIKA MU GUTANGA UBURERE BUHAMYE ».

Nkuko bimaze kumenyerwa buri mwaka haba hari insanganyamatsiko ikurikira :

Mu mwaka wa 2008: « Kabeho, gira Amahoro muri Kristu »

Mu mwaka wa 2009: « Pawulo Mutagatifu urugero rw'ubwitange mu burezi »

Mu mwaka wa 2010: « Tunogere Imana twimika Ubutabera n'Amahoro ku ishuri »

Mu mwaka wa 2011: « Tubane kivandimwe twitangira inshingano zacu twubahiriza uburenganzira bwa uri wese »

Muri uyu mwaka wa 2012: « Duharanire uburere bunoze, dutera imbere. Tube indashyikirwa, kandi dushishikarize urubyiruko kurangwa n'ubutabera n'amahoro »**.**

Ku itariki ya 08/06/2012 muri Paruwasi ya Stella Maris ku Gisenyi hashojwe icyumweru cy'Uburezi muri « Zone Pastorale » ya Gisenyi, naho ku itariki ya 15/06/2012 gisozwa muri Paruwasi ya Mushubati mu rwego rwa « Zone Pastorale » ya Kibuye. Ibyo birori byabimburiwe n'Igitambo cya Missa cyatangijwe n'umutambagiro.

Uwo mutambagiro ndetse n'igitambo cya misa byayobowe na Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE, s.j., Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo.

Uwo muhango witabiriwe n'ingeri nyinshi zitandukanye:

- Abanyeshuri bose b'Ibigo bigize ayo ma Paruwasi ibirori byabereyemo
- Abayobozi bose b'Ibigo by'amashuri ya Kiliziya Gatolika ya Nyundo muri buri « zone »
- Ababyeyi,
- Abapadiri bo mu ma Paruwasi ibigo bibarizwamo
- Abayobozi b'inzego za Leta
- Abayobozi b'Inzego z'Umutekano : Ingabo na Police
- Abakristu muri rusange.

Mu kwizihiza ibyo birori, habaye indirimbo, imbyino, imikino inyuranye, ndetse n'imivugo. Ibyo byose byateguwe n'abanyeshuri mu bigo bitandukanye kandi bijyanye n'insanganyamatsiko y'uyu mwaka. Nyuma hagiye hatangwa ibihembo ku bigo binyuranye.

Umuhango wagiye utangizwa n'ijambo ry'ikaze

Mu ijambo ry'ikaze ryavuzwe na Musenyeri NSENGUMUREMYI Jean Marie Vianney, Igisonga cy'Umwepiskopi akaba anashinzwe Amashuri Gatolika muri Diyosezi ya Nyundo, yatangiye ashimira buri wese uruhare rwe agaragaza mu gushyigikira uburezi gatolika, anasobanura impamvu nyamukuru n'imvano yo kwizihiza icyumweru cy'uburezi Gatolika.

Mu ijambo nyamukuru ry'umunsi

Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE, s.j, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo mu ijambo rye yagarutse ku nshingano n'uruhare rw'Abarezi mu bigo byamashuri, Abayobozi ba Leta, Ababyeyi n'Abanyeshuri aho bari hose.

Yibukije Abarezi ko bakwiye kurera bazirikana ko ari ubutumwa Imana yabahaye kuri iyi isi kandi ko bazabibazwa n'Imana.
Abarezi bagomba kuba ku mashuri yabo igihe cyose bakamenya umwana n'ibibazo byose afite kuko umwana akeneye kwitabwaho cyane (Encadrement).
Yasabye nanone abayobozi b'ibigo gushyira Caritas Scolaire mu mashuri kugira ngo abana bakomeze kugira umuco wo gufashanya hagati yabo.

Yasabye Abayobozi ba Leta gukurikiranira hafi abarezi cyane cyane abitwaye nabi. Nkuko umwana afatirwa ibyemezo igihe afashwe mu ikosa n'abarezi bitwaye nabi imbere y'abarerwa nabo bagafatirwa ibyemezo bikwiye.

Ababyeyi nabo nibafatanye n'abarezi kurera abana, buri wese yumve ko ari inshingano ze kugira ngo umwana atere imbere kandi agire uburere bunoze.

Mu ijambo rye yashoje agira ati « Dukomeze duterimbere twubake ejo hazaza »

UMUHANGO WO GUTANGA IBIHEMBO

Ibihembo byatanzwe ni **ICYEMEZO CY'ISHIMWE (**Certificat**)** cyahawe umuyobozi umwe w'ikigo watoranyijwe muri buri Paruwasi akaba yarabaye indashyikirwa kurusha abandi.
Muri zone Pastorale ya Gisenyi hahembwe abayobozi 13 bahwanye n'amaparuwasi agize « zone ya Gisenyi » naho muri « zone ya Kibuye » hahebwe abayobozi 10.
Ibirori byashojwe n'umugisha watanzwe na Nyiricyubahiro Alexis HABIYAMBERE s.j Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo.

Basomyi namwe ni mumenye yuko buri wese ku rwego rwe afite ize nshingano kandi twese dushyize hamwe uburere bwarushaho kunoga. Ngaho rero ni duhagurukire uburezi kandi twumve neza ko umwana apfa mu iterura. Nkuko insanganyamatsiko y'uyu mwaka igira iti « Duharanire uburere bunoze, dutera imbere. Tube indashyikirwa, kandi dushishikarize urubyiruko kurangwa n'ubutabera n'amahoro », ibyo byose ntibyagerwaho n'umuntu umwe kuko mu kinyarwanda bagira bati : « umutwe umwe wifasha gusara, nti wigira inama » ndetse hari n'undi ugira uti « nta mugabo umwe ». niyo mpamvu rero twese dukwiye guharanira ubutabera n'amahoro mu byo tubamo byose.

NIWEMUKOBWA Apolline
Umunyamabanga mu biro bishinzwe Amashuri Gatolika muri Diyosezi ya Nyundo